Imbaraga Zihebuje Zo guhesha Umugisha

Richard Brunton

Imbaraga Zihebuje Zo guhesha Umugisha

Richard Brunton

Imbaraga Zihebuje Zo guhesha Umugisha
Byashizwe hanze na
Richard Brunton Ministries
Nouvelle Zélande

© 2019 Richard Brunton

ISBN 978-0-473-48065-3 (ePUB)
ISBN 978-0-473-48066-0 (Kindle)
ISBN 978-0-473-48067-7 (PDF)

Montage:
By'umwihariko turashimira
Joanne Wiklund na Andrew Killick
k'ubufatanye bwabo kugira
ngo iyi nkuru yumvikane kubayisoma.

Yasohowe kand'itunganywa na:
Andrew Killick
Castle Publishing Services
www.castlepublishing.co.nz

Afashijwe na:
Paul Smith

Ishizwe mukinyarwanda na:
Pastor Rugaza M. Aimable

Ijambo ry'Imana ryakoreshejwe
ryakuwe muri Bibiliya ya Louis Segond 1910.

CONTENTS

Ijambo ry'ibanze 5
Amagambo atangira 9

Igicye cya mbere: N'iyihe mpamvu dutanga umugisha? 15
Impano yo gutahura 17
Imbaraga z'ijambo tuvuga 21
Kuva ku « kwatura neza » tukaja ku guhesha umugisha 24
Umugisha wagi kristo n'iki? 26
Ububasha tugira m'umwuka 29

Igicye cya kabiri: Ni gute bikorwa? 37
Amahame amwe y'ingenzi 39
Kubaho mubuzima bufite Iminwa yejejwe 39
Baza Umwuka Wera ibyo ukwiriye kuvuga 39
Itandukaniro ry'Umugisha no kwinginga 40
Ntugacye urubanza 41
Urugero rwiza rubitwereka 42
Ibihe bitandukanye duhura nabyo 44
Gusabira umugisha abagutuka n'abakuvuma 44

Guhesha umugisha abakubabaza n'abagutaye 45
Guhesha abagucyumuye ho umugisha 48
Kwihesha umugisha ubwacyu mugihe cy'umuvumo 52
Gutahura no gucya umuvumo 52
Guhesha akanwa ka mugenzi wawe umugisha 54
Guhesha intekerezo za mugenzi wawe umugisha 56
Guhesha imibiri yacyu umugisha 57
Guhesha umugisha aho utuye… 62
Umugisha w'umubyeyi 71
Guhesha abandi umugisha byuzuza ubuhanuzi 76
Gusabira aho ukorera umugisha 77
Gusabira umuryango umugisha 80
Guhesha ubutaka umugisha 82
Gushimira Imana 83
Ijambo rya nyuma ry'umusomyi w'umugore 84

Gushira mubikorwa 86
Uko uhinduka umukristo 88

IJAMBO RY'IBANZE

Ndagukangurira gusoma aka gatabo gato karimo ubutumwa bufite imabaraga – Uzahinduka!

Ni mugihe njye na Richard Brunton twafataga amafunguro ya mugitondo ansangiza ibyo Imana yamuhishuriye ku imbaraga ziri muguhesha mugisha, cane guhezagira, nibwo nahise ntahura ubutunzi bw'imbaraga zihindura ubuzima bw'abandi bantu.

Byanteye gushira ubu butumwa mumashusho kugira ngo mbwereke iteraniro ry'abagabo bo mw'itorero ryacu. Abo bagabo batekereje ko byaba byiza cyane kwereka itorero ryose ubwo butumwa. Abantu bantangiye kubishira mubikorwa mubyo bakora byose mubuzima bwabo, aribwo twaje gutangazwa n'ubuhamya batuzaniye. Umugabo umwe (umunyemari) yatubwiye ko ibyo yakoraga bitagenze neza mubyumweru byashize ariko nyuma byaje gutun-

gana ubwo yatangiye kwisabira umugisha. Abandi bakira indwara nyuma yo kwiyaturira neza.

Andi mahirwe yo kumvikanisha ubu butumwa yatangiye kwiyongera. Hari ubwo nari mfite kugira icyo mvuga munama y'abakuru b'amatorero (ubwo abashumba bahuraga ngo bagire icyo biga ndetse ngo biyungure ubumenyi) mugihugu cya Kenya a Ouganda. Narikumwe na Richad muri urwo rugendo nawe afata umwanya wo kwigisha kubyerekeranye no guhesha umugisha. Ubu butumwa bwabaye bushya mumatwi yababwumvise bisa nk'umuzuke wumvise ubundi bushya. Imbaga nyamwinshi ntiyigeze ihabwa umugisha n'ababyeyi babo, ubwo Richard yatangiye kubifuriza umugisha bararize buzura umwuka ndetse amarangamutima yabo arazamuka, ibi bitera impinduka zihuse mubuzima bwabo.

Gutahura gusaba umugisha byampinduriye ubuzima, bintera kwifuza kuwusabira abandi (mw'ijambo ndetse no mubikorwa) bicyiye mubyo mvuga n'ibyo nkora. Uraza gukunda aka gatabo gato, kandi niwa-

shira mu ingiro ibikarimo uzaguka – bisandare ndetse wagure n'abandi m'ubwami bw'Imana.

Geoff Wiklund
Umushumba mukuru wa Assemblée de Dieu, ukuriye itsinda ry'abakomeje amasezerano, Promise Keepers
Auckland, Nouvelle Zélande

Imana yahaye Richard umugisha wo guhishurirwa imbaraga ziri muguhesha umugisha iyo tuwatuye ku bandi bantu. Ndizera ko ari ihishurirwa ry'Imana ry'iki gihe cyacyu.

Kuko Richard yahawe ubutumwa, bwerekanye ukuri kwuzuye gutera abantu kwitahura byihuse. Ibi byaduteye gutumira Richard mubiterane byacyu byose, kugira ngo aganirire abagabo bo mw'itsinda ry'abakomeje amasezerano. Habayeho impinduka k'urwego rwo hejuru k'ubuzima bwa benshi.

Ijambo « Guhesha umugisha » ryafashije ndetse

rikora ku imitima y'abantu mu ibiterane byaremeshejwe n'itsinda ry'abakomeje amasezerano.

Mur'izo nyigisho nziza arizo umugisha, guhesha umugisha, n'ubushobozi bwo kuvuga neza havuyemo umusaruro mwinshi mwiza. Byukuri abantu benshi ntibigeze bahabwa umugisha cyangwa ngo bawusabire abandi. Nyuma yo kumva ubutumwa bwa Richard no gusoma iki gitabo, bagize umugisha ukomeye kandi batangira gusabira abandi umugisha mw'izina rya Data, ni ry'umwana, n'iry'Umwuka wera.

Ndashimira byimazeyo Richard kandi nkangurira abantu gusoma aka gatabo kavuga ku Imbaraga zitangaje zibonerwa muguhesha umugisha, Katwereka imbaraga ziturimo zikomeye tugomba gukoresha mukubohora umugisha wuzuye w'Imana mumiryango yacyu, m'ubwoko no mugihugu.

Paul Subritzky
Directeur National, Promise Keepers
Auckland, Nouvelle Zélande

AMAGAMBO ATANGIRA

Buri muntu akunda kumva amakuru aryoshe ndetse bikarushaho kuba byiza iyo ari wewe uyavuga.

Ubwo natahuye akamaro ko gusabira abandi umugisha, byambereye nka wa muntu Bibiliya ivuga waguye kuri Zahabu zahishwe mumurima. Naganiriye n'umushumba Geoff Wiklund mubwirana ibyishimo ibyo ntekereza n'ibyo nabonye maze ansaba ko nobibwira ingando/ikambi « camp » y'abagabo bo kw'itorore abereye umushumba hari mukwezi kwa kabiri 2015. Barafashijwe cyane bituma basaba ko itorero ryose ryumva ubwo butumwa.

Mugihe navuze ubu butumwa kw'itorero ryose byahuriranye nuko Révérend Brian France ukuriye amatsinda rukristo y'i Charisma, Paul Subritzky ukuriye itsinda ry'abakomeje amasezerano bo muri Nouvelle Zélande bari aho. Byampaye andi mahirwe yokuvuga ubutumwa by'umwihariko kubantu b'i

Charisma muri Nouvelle Zélande, ku ibirwa bya Fidji, ndetse no kubagize itsinda ry'abakomeje amasezerano. Hari benshi bumvise ubu butumwa baherako bakora icyo bubabwira ntibyatinze bwabagizeho ingaruka nziza. Bamwe bavuze ko batigeze bumva inyigisho nk'izo muby'ubwami bw'Imana.

Umurimo « minisiteri » wo guhesha umugisha waragutse k'uburyo bufatika (Ijambo ry'Imana ntirivuga ngo, « amaturo y'umuntu amuhesha inzira, akamugeza imbere y'abakomeye? »). Umwaka wa 2015 wenda kurangira, najanye n'umushumba Geoff mu igihugu cya Kenya na Ouganda. Yari ahafite igikorwa rusange cyahuje abashumba amagana. Cyari igikorwa cya buri mwaka cyatangaga inyigisho zifasha kandi zigasubizamo abatumirwa intege mumurimo w'Imana, nuko Geoff Atekereza ko inyigsho zanjye ku uguhesha umugisha ari ingirakamaro kuribo. Niko byagenze. Ntabwo byafashije abashumba gusa, hari n'abandi bavuye Amerika, Australia, afrika y'epfo bose bavuze ko ubwo butumwa bufite imabaraga, bansaba ko haricyo nakora kugira ngo buger ku imbaga y'abantu nyamwishi.

Ntabwo nashatse gukora urubuga « site ya interineti », cyangwa kwandika igitabo kinini kandi hari ibindi bitabo byiza byinshi byamaze kwandikwa. Ubutumwa bwo guhesha umugisha buroroshe gushira mubikorwa rero sinashatse kubushira mumagambo menshi ashora guteza urujijo ariyo mpamvu naditse aka gatabo gato.

Nahisemo amagambo *y'imbaraga zo guhesha umugisha* ya Kerry Kirkwood, *Ubuntu bwuzuye (L'Effusion de Grâce): guhindukira abandi umugisha* byanditswe na Roy Godwin afatikanije na Dave Roberts, *Umugisha wa Data* yanditswe na Frank Hammond, *Imbaraga n'ibitangaza biri muguhesha umugisha* yanditswe na Maurice Berquist. Ndagamya ko hari n'abandi bantu nigiyeho byisnhi ariko kubera ko imyaka icyanyemo hari abo ntibuka.

Gutahura imbaraga ziri muguhesha umugisha bizatera buri wese uzabishira mukorwa kubaho mubundi buzima. Muri aka kanya nsabiye abantu bose umugisha – abizera cyangwa abatizera – abari aho banywera icyayi, aho bafatira ifunguro, kuri Hoteri, ndetse nabari mumuhanda. Nahesheje impfubyi

umugisha, abakora mubigo by'impfubyi, Umukobwa ukora mundege, ubuka bahingaho ibiti, inyamanswa, abategetsi, imiryango ndetse nabari bafite indwara. Nabonye aho abagabo bakuze n'abagore bangwa munda barira kubera ko nabahaye umugisha wa Data (Imana).

Kubera ko naganiraga n'abatizera, nansanze gukoresha iyi mvugo « Nshobora kubasabira umugisha/gusabira umushinga/urugo rwawe? » aribyo bidatera amahane kuruta kubabwira nti « Nshobora kubasengera? » Byukuri ubu buryo bworoshe, bukoreshwa murukundo, bwatumye umwe wo mumuryango wanjye asobanukirwa urukundo n'imbaraga zikiza za Yesu Kristo nyuma y'impaka zarizigize imyaka.

Ntabwo akenshi nagize amahirwe yo kubona umusaruro, ariko haricyo nabonye gikomeye kugira ngo menye ko guhesha umugisha bihindura ubuzima bwa benshi. Ndetse byahinduye ubuzima bwanje nanjye.

Guhesha umugisha biri muri kamere y'Imana, rero nka twe abaremwe munshusho yayo, biri muritwe

muburyo b'umwuka (ADN y'umwuka). Umwuka Wera wahawe abantu b'Imana, biteguye kugenda mukwizera no m'ububasha Yesu yahawe kubwabo kugira ngo bahindure benshi.

Ndizera ko uza gusanga aka gatabo ar'ingira kamaro. Yesu ntiyadusize nk'abatagira imbaraga. Kwatura umugisha mu ibihe ibyo aribyo byose ni ubuntu bwo m'umwuka bufite imbaraga zo guhindura iyi si yacyu ariko benshi ntibabitahura.

Kabaryohere.
Richard Brunton

IGICYE CYA MBERE:

N'iyihe mpamvu dutanga umugisha?

IMPANO YO GUTAHURA

Umudamu wanjye ni umu Néo-Kalédonia (avuka muri kimwe mu ibirwa by'ubufaransa cyitwa Nouvelle-Calédonie) byumvikana ko nategerezwaga kwiga kuvuga ururimi rw'igifaransa ndetse ngafata n'igihe cyo kuba mumujyi avukamo witwa Nouméa. Nubwo icyo gihugu gituwe n'abayoboke b'idini rya Catholique, natahuye vuba ko hakiriho abakorana n'imbaraga z'umwijima kandi bagakomeza n'imigenzo y'idini ryabo. Kuribo ntibyari bitangaje kubona abantu baja k'umupfumu, cyagwa kwa bamenya, no kubavuga ko bakiza indwara naho ntibarakamenya ko bagiye ku abarozi (abakorana n'imyuka mibi).

Ndibuka umunsi umudamu wanjye yansabye gusura umwana w'umukobwa ufite imyaka hafi 20 wigeze kujanwa kuri umwe muri abo biyita « abakiza idwara » ariko nyuma y'igihe gito yaje kurembera munzu y'abantu bafite ibibazo by'ihungabana ryo

mumutwe. Maze kumva ko yari umu kristo nategetse abadayimoni bari bamurimo gusohoka mw'izina rya Yesu Kristo. Umwe mubihaye Imana bo muri Catholique nawe yarimo asengana nanjye, nyuma y'igihe gito yaje gukurwa mur'icyo kigo cy'abafite ihungabana ryo mumutwe.

Hari n'abasengaga uko idini ryabo rya Catholique ribingeza ariko kuruhande bafite ibishushanyo n'ibindi bikoresho by'izindi mana (ibigirwa mana). Hari umugabo twahuye afite ikibazo gihoraho cy'igifu. Umunsi umwe namubwiye ko nizera neza ko niyakura ibigirwamana bya Buddha imbere y'inzu ye byatumaga yaka ijoro ryose, azakira iyo ndwara y'igifu. Kandi yagombaga no guta ibindi bikoresho – twita uburozi mukinyarwanda. Yarabyanze avuga ati ese ni gute ibintu bipfuye bishobora kumutera indwara? nyuma nagarutse kumubaza aho agereye n'iyo ndwara y'igifu, arambwira ati « natahuye urujijo narimo, nibwira ko impanuro wampaye ari nziza niy-ambura ibigirwamana bya Buddha, ubu narakize ndi muzima ».

Ikindi gihe, bansabye gusura umuntu ubabajwe

n'indwara ya kanseri (cancer). Mbere yo gusenga, nasabye ko bakuraho ibishushanyo bya Buddha munzu ye aho bicyaraga, umugabo we yahise abikora ako kanya. Nakuye umuvumo k'ubuzima bwe hanyuma ntegeka abadayimoni kumuvamo mw'izina rya Yesu Kristo, umubiri we wagize ubukonje kuva ku ikirenge ukugera k'umutwe.

Hejuru y'ibyo nahisemo gutanga icyigwa kubijanye ni « imivumo » ku itsinda ry'abanyamasengesho twari tumaze gushinga nje n'umufasha wanjye munzu twari dutuyemo mumujyi wa Nouméa. Inyigisho zari zishingiye ku igikorwa cy'umubiri wa Derek Prince (Derek Prince yari umwigisha uzwi cyane muby'amadini wo mu ikinyejana cya makumyabari). Mugihe nateguraga inyigisho m'ururimi rw'igifaransa, natahuye ko aya magambo « umuvumo » « n'umugisha » bikomoka mumagambo « kwatura nabi » no « kwatura neza ».

Mbere nagereranyaga «umuvumo » « n'umugisha », ijambo umuvumo ryasaga niritumvikana, riremereye, riteye ubwoba naho umugisha nkumva ko ryoroshe kandi riryoshe. Mbere nahoraga numva inyigisho zivuga k'umuvumo, ariko ntabwo nigeze

numva izivuga k'umugisha ari nabyo byanteye kubyumva no kubitandukanya. Ikindi nuko ntarigera numva umuntu wifuriza undi umugisha abitewe n'umugambi nyawo-mwiza- ndetse ngo bimugireho n'ingaruka. Byukuri, umugisha w'umukristo usa nugarukira mumvugo igira iti « Ngusabiye umugisha » atera hejuru cyangwa kwandika ijamabo « Imigisha » arangangiza urwandiko cyangwa ubutumwa bigasa nkaho ari akamenyero kuruta uko byakabaye ibiva k'umutima.

Nyuma y'igihe ntekereza kuri ayo magambo « umuvumu » « n'umugisha » natekereje ko nimba « kwatura nabi » bigira imbaraga, rero « kwantura neza » bigomba kugira imbaraga hamwe n'Imana ndetse bikarushaho kugira imbaraga nyinshi cyane.

Iryo hishurirwa, ndetse n'ibindi bitekerezo tuzabona imbere, byanteye kugira umutwaro muri njye watumye ntahura *Imbaraga zo guhesha umugisha.*

IMBARAGA Z'IJAMBO TUVUGA

Kugira ngo ndasubira mumagambo menshi ku *imbaraga z'amagambo tuvuga* yavuzwe mubitabo bitandukanye, ndashaka kubivuga mumagambo make ntekereza ko afite akamaro kur'icyo cyigisho.

Tuzi ko Ijambo ry'Imana rivuga ngo:

> *Ururimi ni rwo rwica kandi ni rwo rukiza, Abarukunda bazatungwa n'icyo ruzana (Imigani 18:21)*

Amagambo agira imbaraga ziteye ubwoba, ashobora kugira ingaruka nziza kandi akubaka, cyangwa akagira ingaruka mbi kandi agasenya. Bur'igihe iyo dukoresha amagambo (Ndetse nubwo wayatura ku abanzi bawe) Twatura amagambo atanga ubuzima cyangwa urupfu kubatwumva ndetse no kuri twe ubwacyu. Ijambo riravuga ngo:

> *Ib yuzuye mu mutima nibyo akanwa kavuga. Umuntu mwiza atanga ibyiza abikuye mubutunzi bwe bwiza, n'umuntu mubi atanga ibibi abikuye mu butunzi bwe bubi. (Matayo 12:34,35)*

Ikindi, umutima ucyokora uvamo amagambo yo gucyokora, umutima utunganye ucya imanza zitabera, umutima w'indashima uvamo amaganya; n'ibindi byinshi. Ubundi, imitima yuzuye irari ry'ubusambanyi yera imbuto ziyikwiriye. Isi yuzuye amagambo y'incamugongo. Itangazamakuru riyatanga umunsi k'uwundi. Kamere muntu ubwayo ntikunze kuvuga ibihe n'abantu neza. Bisa nkaho kuvuga neza atari karememano. Akenshi dutegereza urupfu k'umuntu mbere yo kumuvugaho amagambo meza. Ariko kandi; « ubutunzi bwiza » buvamo imitima y'urukundo nayo ikavamo imvugo ibereye; m'umutima w'uburwaneza havamo imvugo izana gushirahamwe; n'ibindi bisa bityo.

Iri jambo « …Abarukunda bazatungwa n'icyo ruzana » risobanura ko dusarura ibyo twabibye, byaba byiza cyangwa bibi. Muyandi magambo, uzasarura ibyo uvuga. Ibyo ubitekerezaho iki?

Ibyo ni ukuri kubantu bose, nubwo wogira imyizerere rukristo cyangwa arintayo ufite. Abakristo cyo kimwe n'abatari abakristo bashobora kugira icyo bavuze k'ubuzima_ urugero, buri wese ashobora kuvuga ngo: « muhungu wanjye, iyi n'inzu wubatse. Uzaba umwubatsi utangaje cyangwa uti uzaba umuhanga mubyo gushushanya amazu umunsi umwe. Aho uzaba ubikoze neza! »

Kubw'izo mpamvu, Umukristo « wavutse ubwakabiri » aba afite umutima mushya. Bibiliya itubwira ko turi « Ibyaremwe bisha » (2 Abakorinto 5:17). Ariko kandi, nk'abakristo dukwiriye kurenga « kuvuga neza » ndetse tugaheba « kuvuga nabi ». Turashobora kugwa mubiducyogoza byoroshe, tubaye tutarinze imitima n'amagambo yacyu. Niwatekereza neza kur'ibi, uzatangazwa no gusanga akenshi abakristo bishiraho umuvumo bakavuma n'abandi mu kutamenya. Turaza kubivugaho byinshi imbere.

KUVA KU « KWATURA NEZA » TUKAJA KU GUHESHA UMUGISHA: NIWO MUHAMAGARO WACYU

Nk'abakristo, dufite ubuzima bwa Yesu Kristo butemba muri twe, tugomba kurenga « kwatura neza » tukaja ku kuvuga no guhesha abantu umugisha ndetse tukatura umugisha no ku ibihe kandi nibyo twahamagariwe gukora. Birashoboka ko guhesha umugisha ariwo muhamagaro wacyu ukomeye. Soma iki cyanditswe:

> *Mukundane nk'abavandimwe, mugirirane imbabazi mwicisha bugufi mumitima, ntimukiture umuntu inabi yabagiriye cyangwa igitutsi yabatutse, ahubwo mumwiture kumusabira umugisha kuko aribyo mwahamagariwe, kugira ngo namwe muragwe umugisha. (1 Petero 3:8,9)*

Twahamagiriwe guhesha umugisha no kwakira umu-

gisha. Ikintu cyambere Imana yavuze kuri Adam na Eva kwari ukubaha umugisha. Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti:

> *Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mutware ibiyirimo… (Itangiriro 1:28)*

Imana yabahaye umugisha kuburyo bagombaga kwororoka. Umugsiha ni indangagaciro y'Imana, guhesha umugisha nibyo ikora. Nkuko turi ab'Imana rero natwe dufite ububasha bwo guhesha umugisha.

Yesu yatanze umugisha. Ikintu cya nyuma yakoze, azamurwa mu ijuru, yasabiye abigishwa be umugisha:

> *Abajana hanze , abageza i Betaniya arambura amaboko hejuru, abaha umugisha, atandukanywa nabo, ajanawa mu ijuru. (Luka 24:50,51)*

Yesu niwe cyitegererezo cyacu. Yarivugiye ati tugomba gukora ibyo yakoze, mw'izina rye. Twaremwe n'Imana kugira ngo tubere abandi umugisha.

UMUGISHA WAGI KRISTO N'IKI?

Mu Isezerano rya kera, ijambo « Umugisha » n'ijambo ry'igiheburayo *barak*. Risobanura ngo « kuvuga ibyo Imana yibwira/imigambi yayo ».

Mu isezerano rishya, ijambo « Umugisha » riva mu ikigiriki *eulogia*, ariryo rivamo ijambo « éloge » mugifaransa, risobanura « kuvuga ibirwi yangwa gushima ».

Mumagambo afatika bisobanura « kugira uwo uvuga neza » cyagwa « kuvuga imigambi n'ibambe ry'imana » k'umuntu. N'iyo nsiguro y'umugisha tuzakoresha mur'iki gitabo. Guhesha umugisha ni ukuvuga imigambi cyangwa ibambe n'ubuntu bw'Imana k'umuntu no ku ibihe.

Mubwenge bw'Imana hari ibintu byinshi yishiriyeho imbibi ku imirimo yayo mu isi kugira ngo habeho ibyo ikora icyiye mubantu bayo. Ni muri ubwo buryo izana

ubwami bwayo mw'isi. Kubw'ibyo, Ishaka ko duhesha umugisha mw'izina ryayo. Rero, nk'umukristo, nshobora kwatura imigambi cyangwa ibambe ry'Imana k'umuntu no ku ibihe mw'izina rya Yesu. Mbikoze mu kwizera no murukundo, mpabwa imbaraga zivuye ku Imana kubyo mvuga, hanyuma nkizera ko Imana ihindura ibintu aho ishako ko bihinduka hose. Iyo nsabiye umuntu umugisha mu kwizera no muruko nsaba Imana ko yamuhanga amaso.

K'urundi ruhandi, umuntu ufite imigambi mibi, cyangwa w'umunyagasuzuguro, ashobora kwatura imigabi ya Satani k'umuntu ndetse no kuri we ubwe, bigatuma imbaraga z'umwijima zigira ingaruka mbi kuri wa muntu, arizo z'izi:

> *Kwiba, Kwica no kurimbura. Ariko shima Imana, Kuko uri muri mwe aruta uri mu b'isi. (1 Yohana 4:4)*

Guhesha umugisha biri ku indiba y'umutima w'Imana ndetse biri no muri kamere yayo! Ibyifuzo by'Imana ku uguhesha umugisha ni bigari kandi birahebuje. Ntacyabyitanga imbere. Imana yamaramaje guha

umuntu umugisha. Umugambi wayo nukugira ngo Yesu agire abavandimwe benshi. Ni twe! ariko kandi nubwo biri k'umutima w'Imana guha abantu umugisha, imana ishaka ko dusabirana umugisha bamwe ku abandi.

Iyo dusabye umugisha mw'izina rya Yesu, umwuka wera aramanuka kubera ko tuba tubikoze mumucyo nk'uko Data abikora. Twatura amagambo Data ashaka ko tuvuga. Ukuri kw'ibi bintu kurantangaza. Iyo nsabiye umuntu umugisha, Umwuka Wera abyivangamo agakoresha undi muntu murukundo maze ibintu bigahinduka. Akanshe nyuma y'ibyo abantu barampobera, cyangwa bak arira bavuga bati « Ntabwo uzi ukuntu byari bikomeye kandi ari ingarakamaro » cyangwa bavuga bati « Ntabwo uzi ukuntu nabishakaga ».

Ariko iki n'ikintu cy'ingenzi ndetse cyo kwitonderwa : Dutanga umugisha iyo turi mubihe byiza byo gusabana n'Imana. Kwegerana kwacyu n'Imana muburyo bwo m'umwuka ni iby'ingenzi. Amagambo yacu aba ay'Imana, aba afite amavuta n'imbaraga kugira ngo yuzuze imigambi yayo k'umuntu no ku ibihe. Ariko reka tugaruke inyuma gato…

UBUBASHA TUGIRA M'UMWUKA

Mu isezerano rya kera, Habagaho abatambyi baserukiraga abantu no kubasabira umugisha.

Uku abe ari ko mujya muhesha abisirayeli umugisha, muti:

Uwiteka aguhe umugisha akurinde!
Uwiteka akumurikishirize mu maso
he akugirire neza!
Uwiteka ukurebe neza, aguhe amahoro!

Uko abe ari ko bashyirisha izina ryanjye ku bisirayeli, nanjye nzabaha umugisha. (Kubara 6:23-27)

Mu isezerano rishya, twe abakristo, turi:

…*ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b'ubwami,*

> *ishyanga ryera n'abantu imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry'lyabahamagaye, ikabakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w'igitangaza. (1 Petero 2:9)*

Maze Yesu

> *…Akaduhindura Abami n'abatambyi b'Imana ye ari yo na Se… (Ibyahishuwe 1:6)*

Hari igihe, nari nicyaye ahitwa Ouen Toro, hantu h'igenzura muri Nouméa, nashakaga ubutumwa nzanira itsinda ry'abanyamasengesho. Numvise ijwi ry'Imana rivuga riti, « Ntuzi uwo uri we ». Nyuma y'amezi make numva ijwi rivuga ngo: « lyo uja kumenya ububasha ufite mw'izina rya Yesu kristo wari guhindura Isi ». Ubwo butumwa bwombi bwari ubw'amatsinda y'abantu bihariye, ariko nyuma naje gusanga nanjye bwari ubwanjye.

Hari aho abakristo bizera ko gutegeka ikibazo cyangwa ibihe « umusozi » (Mariko 11:23), no gusabira indwara ngo zikire, bigiyo cyane kuruta gusaba Imana ngo ari yo ibikora (Matayo 10:8; Mariko 16:17-

18). Ibyo ndabihamya kubera ko nabinyuzemo kandi hari n'abandi bantu bazwi kandi bubashwe babihamya ndetse bagendera mumbaraga z'ibitangaza no gukiza indwara nizo kubohora. Ndizera ko Yesu yavuze ngo, « Muzakiza abarwayi (mw'izina ryanjye). Ntabwo ar'igikorwa cyanjye, n'icyanyu. *Mubikore* ».

Imana ishaka gukiza, kandi ishaka kubikora bicyiye muri twe. Imana ishaka kutubohora, kandi ishaka kubikora bicyiye muri twe. Imana ishaka kuduha umugisha kandi ishaka kubikora biciye muri twe. Dushobora gusaba Imana ikaduha umugisha, cyangwa tugahesha umugisha mw'izina rya Yesu.

Hashize imyaka mike, ndibuka ubwo nashikaga kukazi kare maze ngahesha umugisha twarikumwe. Natangiye ngira nti « Mana; ha Colmar Brunton umugisha » numva bidafite imbaraga. Hanyuma ndahindura buke mpinda umushyitsi nti:

> *Colmar Brunton, Ngusabiye umugisha mw'izina rya Data, iry'Umwana n'iry'Umwuka Wera. Ngusabiye uumugisha muri Auckland, ngusabiye umugisha muri Wellington, kandi ngusabiye*

umugisha m'uturere dutandukanye. Ngusabiye umugisha mumirimo no murugo. Habe ubwami bw'Imana. Umwuka Wera amanuke, uhawe ikaze mur'iki kibanza. Natuye urukundo, ibyishimo, amahoro, no kwihangana, kugira neza, Ingeso nziza, kurwa neza, gukiranuka, kwirinda, n'ubumwe. Mw'izina rya Yesu, nkwatuyeho kugira imitekerereze y'ubwami bw'Imana izafasha abakiriya bacyu kugira icyo bazageraho no guhindura isi ubuturo bwiza. Ndasaba amahirwe yo kuronka imirimo. Ndasabira uyu murimo amahirwe yo kuronka isoko. Nsabiye umugisha iyerekwa ryacyu: « Ibikorwa byiza, ahantu heza ». mw'izina rya Yesu, amen.

Nk'uko numvise nyobowe, nakoze ikimenyetso cy'umusaraba kw'irembo maze natura m'umwuka uburinzi bw'amaraso ya Yesu kuri sosiyete/ikigo cyacu.

Ubwo nahinduye isengesho rivuga ngo « Mana ha Colmar Brunton umugisha» nsenga ngira nti « Nsabiye Colmar Brunton umugisha mw'izina rya Data, iry'Umwana n'iry'Umwuka Wera », Amavuta

y'Imana yamanutseho, numva ibyishimo kandi mpamya ko Imana inumvise. Byasaga nkaho imbwira ngo « Ndayaguhaye mwana wanjye; n'ibyo nshaka ko ukora ». Nubwo ubu nsigaye mbikora incuro ninshi, ariko iteka numva ibyishimo by'Imana iyo mbikora. Umusaruro nuko umwuka waho nkorera wahindutse byihuse k'uburyo n'abantu babivugaga beruye kandi bakibaza impavu ibintu byahindutse. Byari ibitangaza byukuri! Guhesha umugisha bishobora guhindura isi yacyu.

Ariko sinahagarikiye aho. Mugitondo, mugihe aho dukorera ntamuntu wabaga yahageze, ubwo nageraga kucyicaro cy'umuntu ukeneye ubwenge mu ibintu runaka, namusabiraga umugisha, ndambitse amaboko ku intebe ye nizeye ko amavuta atanga umugisha aza gucya m'umwenda w'intebe akagera k'umuntu uribuze kuyicyara ho (Ibyakozwe n'Intumwa 19:12). Iyo namenyaga ko hari ukeneye ubufasha bwihariye, namusabiraga umugisha muri ubu buryo.

By'umwihariko ndibuka umuntu wahoraga atuka Imana, nukuvuga ngo yakoreshaga izina ry'Imana

nk'indahiro mbi y'igitutsi n'umuvumo. Igitondo kimwe narambitse amaboko ku intebe ye, maze ncyaha umwuka w'ibitutsi mw'izina rya Yesu. Nabitekereje ho kenshi, ariko byarangiye umwuka mubi wabimbuzaga uneshejwe n'imbaraga zikomeye, amagambo y'imivumo n'ibitutsi mukazi, yaje kurangira mukanwa k'uwo mugabo.

Ndibuka kandi umugabo umwe ansanga ashaka ko musengera, yifuza ko Imana imwimura aho yakoreraga kubera ko abantu baho bavugaga amagambo mabi y'ibitutsi n'imivumo. Nahisemo gukora ibidahuye n'ibyo ansabye: Kuko uwo muntu yari abereye aho guhesha umugisha icyo kibanza yakoreraga mo no guhindura umwuka w'aho! Dushobora guhindura Isi.

Naratekereje nsanga, nubwo Imana ishaka guha abantu umugisha, ishaka cyane ko twe – abantu bayo, abana bayo – Duhesha abantu umugisha. Ufite ububasha bwo m'umwuka. *Hesha umugisha!*

Data uri mu ijuru ashaka ko haricyo dukora, ko dusabana na we mu igikorwa cye cyo gucungura.

Dushobora guhesha abantu umugisha dukiza indwara no kubohora imbohe ariko kandi birashoboka ko twahesha abantu umugisha mumagambo. Mbega amahirwe, mbega inshingano dufite!

Kuri njye, guhesha umugisha ni ukuvuga ubushake bw'Imana k'ubuzima bw'abantu no ku ibihe murukundo, nkabikorana intege, n'ubushake, m'ububasha n'imabaraga, bivuye k'umutima wuzuye Umwuka Wera. Muyandi magambo, guhesha umugisha bikorwa mu kwizera, watura ubushake bw'Imana kuri uwo muntu cyangwa ku ibihe. Iyo twatura ubushake bw'Imana, tuba tubohoye kandi twemereye imbaraga zayo guhindura ibintu aho ariho hose naho ishaka ko bihinduka.

Kandi wibuke ko duhabwa umugisha iyo tuwusabiye abandi.

IGICYE CYA KABIRI:

Ni gute bikorwa?

AMAHAME AMWE Y'INGENZI

Kubaho mubuzima bufite Iminwa yejejwe

> *Mukanwa kamwe havamo gushima no kuvuma. Bene Data, ibyo ntibikwiriye kumera bityo! (Yakobo 3:10)*

> *Kandi ibishimwa nubivana mubigawa uzaba nk'akanwa kanjye (Yeremiya 15:19b)*

Nimba ushaka kuvuga imagambo/imigambi y'Imana kubantu, ugomba kwirinda kuvuga amagambo adafite agacyiro cyangwa mabi.

Baza Umwuka Wera ibyo ukwiriye kuvuga
Ukangurire umwuka wawe kuvuga ku indimi. Usabe Umwuka Wera kuguha urukundo rwa Data k'umuntu ushaka guhesha umugisha. Senga ugira uti:

Data, n'iki ushaka ko mvuga? Nyabuneka, mpa ijambo ry'umugisha kuri uyu muntu. Ni gute nshobora kumukomeza cyangwa kumwihanganisha?

Itandukaniro ry'Umugisha no kwinginga

Abantu benshi bibwira ko kwitoza guhesha umugisha bigoye. Bagatangira « kwinginga » ubudasiba basaba Imana ngo itange umugisha. Nubwo ari byiza, umugisha utanzwe muri ubwo buryo ni uw'isengesho, kandi ni byiza kumenya itandukaniro. Guhesha cyangwa kwatura umugisha ntibikuraho isengesho cyagwa kwinginga, ariko biruzuzanya, ndetse bigomba gukorerwa rimwe burigihe.

Abandi banditsi, Roy Godwin na Dave Roberts, mubitabo byabo *Ubuntu busaze* babivuze neza:

Iyo duhesha umugisha, dutumbera umuntu mumaso (iyo ubikoze utyo) maze ukamwibwirira. Urugero, dushobora kuvuga duti « Ngusabiye umugisha mw'izina ry'umwami, ubuntu bw'umwami Yesu Kristo bubane nawe.

Ngusabiye umugisha mw'izina rye, urukundo rwa Data rukugote kandi rukwuzure, muri wewe utahure uburyo Data akwemera rwose kandi akwishimira. »

Duhe agaciro inyazina yerekeza k'umuntu umwe « Ngu_sabiye ». N'inyazina « y'uwo muntu umwe » uba watuye umugisha mw'izina rya Yesu kuri mugenzi we. Ntabwo mba nsenze Imana ngo itange umugisha, ariko mpesha umugisha m'ububasha twahawe na Yesu bwo kwatura umugisha ku abantu maze we ubwe akaza akawubaha.

Ntugacye urubanza

Ntugacye urubanza uvuga ko hari abakwiriye n'abadakwiriye umugisha. Umugisha w'ukuri, iyo utanzwe k'umuntu cyangwa ku ikintu, werekana ubushake bw'Imana. Imana ntabwo yita kubigaragara uwo mwanya, ahubwo yita ku ukuri kwabyo (uko byakagombye kumera).

Urugero, Imana yise Gidiyoni « Umunyembaraga

n'intwari » (Abacamanza 6:12) mur'icyo gihe, ntiyari bwabe umunyembaraga n'intwari! Yesu yise Petero « Ibuye/urutare » (Matayo 16:18) ataragira ubutwari bwo kuyobora bagenzi be. Ikindi, byanditswe ngo « N'Imana izura abapfuye, ikita ibitariho nk'aho ari ibiriho » (Abaroma 4:17). Nidutahura ibi, bizadukuramo interekerzo zo kuba « Abacamanza » maze tumenye abakwiriye guheshwa umugisha.

Abantu batagira *Uburenganzira/Amahirwe* yo guheshwa umugisha, nibo barushaho kuwifuza. Abasabira umugisha abasa nk'aho batawukwiriye, nibo bazahabwa mwinshi.

Urugero rwiza rubitwereka

Tuvuge ko hari umugabo witwa Fed ufite ikibazo cyo kunywa inzonga. Akaba afite umugore utamwishimira, umugore we ashobora gusenga agira ati: « Mana ha Fred umugisha. umuhe guhagarika kunywa maze antegere ugutwi yumve ibyo mubwira ». Ariko byagira imbaraga nyinshi agize ati:

Fred, ngusabiye umugisha mw'izina rya Yesu.

> *Imigambi Imana igufiteho yuzure, Ube umugabo, umutware, n'umubyeyi Imana ishaka ko uba we. Ngusabiye umugisha wo kubohoka. Ngusabiye umugisha n'amahoro ya Kristo.*

Uyu mugisha wambere usa no kubwira Imana ikibazo. Ibi ntibifite imbaraga – ni ubunebwe. Kandi birimo amagawa kuko uyu mudamu yigira mwiza ariko akibanda ku kudondora ibyaha bya Fred.

Umugisha wa kabiri usaba gutekereza ho no kugira urukundo. Ntabwo urimo gucya urubanza, wibanda kuri ejo heza ha Fred kuruta uko abayeho kuri none. Vuba numvise umuntu avuga ko Satani azi amazina yacyu n'ejo hacyu heza ariko akaduhamagarira mu icyaha, mugihe Imana yo imenya icyaha cyacu ariko ikaduhamagara mw'izina ryacyu rya nyaryo, ikatwita abo tuzaba bo ejo. Umugisha wa kabiri ujanye n'imigambi na gahunda y'Imana. Werekana umutima wo gucyungura w'Imana. Mwibuke ko Imana ikunda Fred.

IBIHE BITANDUKANYE DUHURA NABYO

Ndi umwiga mubyo guhesha umugisha. Ubwo natangiye, ntabwo narinzi uko bahesha umugisha, kandi ntakintu gikomeye nifashishaga. Natahuye vuba ko har'ibihe byinshi bitandukanye, ndaza kubaha ibitekerezo. Mushobora kubikoresha mu ibihe byihariye, ndetse bikurikiranye n'ibyo Umwuka Wera ashaka ko uvuga. Ibyo bisaba kubyimenyereza no kugira umuhate.

Gusabira umugisha abagutuka n'abakuvuma

Mumyaka ishize, hari umukozi w'umugore wasezeye imirimo, yaje iwanje ngo dusangire ikahwa ashaka no kunsezera. Imyizerere ye yasaga n'iyo mugihe cyabaye ho bitaga (New Age) igihe gishya. Urebye « ubumana bwe bw'imbere » n'uko yabonaga ibintu. Mur'icyo kiganiro yavuze ko hari sosiyete ebyeri yakoreye zahombye zirashira. Icyo gihe ntabwo narimaze

igihe ndi umu kristo, ariko numvise ko amagambo ye ari umuvumo ushaka kugwa. Nafashwe n'ubwoba akanya gato, maze nanga kubyakira mumutwe. Ariko sinagera k'urwego rwo kumuhesha umugisha. Nyuma yo kumubaza ko nomusabira ikiri k'umutima wanjye, nashoboye kuvuga aya magambo:

> *Deborah (ntabwo ar'izina ryawe rya nyaryo), mboshe imbaraga 'uburozi « ubupfumu » mubuzima bwawe. Ngusabiye umugisha mw'izina rya Yesu. Kugiraneza kw'Imana kukubeho. Imigambi y'Imana yuzure k'ubuzima bwawe. Nsabiye umugisha impano zawe, Zizabere umukoresha wawe w'ubutaha umugisha kubw'icyubahiro cy'Imana. Uzavemo umugore ukomeye uwo Imana ishaka ko uba we. Mw'izina rya Yesu, amen.*

Guhesha umugisha abakubabaza n'abagutaye

Hari ubwo nasengeye umugore warufite intambara y'ihungabana niy'ubukene nyuma y'uko umugabo amutaye. Namusabye ko yamubabarira. Byari bigoye bitewe n'umwenda yari amufitiye, ariko yaramuba-

bariye. Nyuma namusabye ko asabira umugabo umugisha. Byaramutangaje, ariko ntibyamugoye kubigerageza. Nubwo umugabo we atari hafi aho, namuyoboye muri aya magambo:

> *Mugabo wanjye ngusabiye umugisha. Imigambi yose y'imana yuzure k'ubuzima bwawe no k'urugo rwacyu. Uhinduke umuntu, umugabo, umufasha Imana ishaka ko uba we. Ubuntu no kugirirwa neza n'Imana bikube ho. Mw'izina rya Yesu, amen.*

Gutangira byari bigoye, ariko nyuma yakoze k'umutima wa Data maze amavuta y'Imana ara-manuka. Twembi twararize nimugihe Umwuka Wera yarimo asubiza ibyifuwo bye, ndizera ko niby'umugabo we byasubijwe. Inzira z'Imana sizo z'abantu.

Guhesha umugisha mu ibihe nk'ibyo ni ubutwari – ntibigereranywa k'ubwiza – birasa n'ibya Kristo.

Gusabira umugisha abo wibwira ko batawuk-wiriye n'ibyo k'umutima w'Imana, nibwo budasa

bwayo_n'abantu. Mwibuke cya gisambo cyabambanywe na Yesu, wa mugore wafashwe asambana. Naho njyewe nawe?

Umugisha si uwo mw'isi yacyu kandi ntibikorwa uko wumva ushaka, si ikintu abantu bakora mubihe by'umubabaro, bakiyumvisa ko bagomba kubikora gusa. Ariko n'ijwi ry'Imana, kandi rishobora gukiza uhesha umugisha kuruta uwuheshwa. Bikuraho igitonyanga cy'ubumara bw'umubabaro, kwihorera, kwifurizanya ibibi (urwango), uburakari, bishobora kwangiriza umubiri wawe n'ubuzima bwawe.

Soma ubu butumwa bwa Denis nakiriye ubushize:

> *Hashize amezi atatu, narimo nganira n'umuvandimwe kuri telefone. Ntidukunze kuganira kuko atuye kandi akorera m'uwundi muryi. Mugihe twari hafi kurangiza ikiganiro cy'ubushuti, namusabye ko nasabira umugisha ikigo « Compagnie » batwaye we n'umugore we. Ntiyabyakiriye neza. Yamburiye ikinyabufura ambwira ibintu byanduje ndetse bihundura intekerezo zanjye, bintera kwibaza ko ubumwe bwacyu*

burangiye. Nyuma y'iminsi n'ibyumweru byakurikiye, ubwo narimo nkora imirimo yo murugo, nakoresheje amahame y'imbaraga zitangaje zibonerwa mumugisha kugira ngo nature kugira neza kw'Imana mubyo umuvandimwe akora. Har'igihe nabikoraga kabiri cyangwa gatatu k'umunsi. Nyuma y'amezi atatu, Noheri yegereje, umuvandimwe wanjye yarampamagaye kuri telefone bisa nkaho ntakibazo cyigeze kiba ho. Natangajwe n'imyitwarire yari afite ya gishuti kandi nta rwango rwari hagati yacyu.

Imbaraga zitangaje zibonerwa mumugisha zirakora byukuri mubihe tudafite ho ububasha bwo kubigenzura… Ni mushime Umwami!

Guhesha abagucyumuye ho umugisha

Kimwe mubintu bitera umujinya ku abantu bamwe muri twe nimugihe dukoze ibintu birimo kwikunda tubitekereje ho cyangwa mugihe twishe amategeko y'umuhanda dutwaye ikinyabiziga. Ibyo bishika buri gihe. Hari amagambo ashobora kuza mumutwe « atari ayaba kristo » agasohoka no mukanwa

umwanya muto. Iyo ibyo bibaye tuvuma uwo Imana yiremeye kandi ikunda. Imana ishobora byukuri kurwanirira uwo muntu.

Ubutaha ibyo nibibagera ho, muzagerageze guhesha umugisha abandi bwatwaye ibinyabiziga, mugihe mwokavuze amagambo y'uburakari:

> *Nsabiye uyumusore umugisha uncyiye ho akambuza uburenganzira. Mwatuye ho urukundo rwawe mwami. Musabiye kugirirwa neza nawe n'imigambi yawe kuri we yuzure. Atahe murugo amahoro kandi abere umuryango we umugisha. Mw'izina rya Yesu, amen.*

Cyagwa ukavuga gusa ngo:

> *Data! Nsabiye umugisha umuntu utwaye kiriya kinyabiziga, mw'izina rya Yesu, Amen. Urukundo rwawe rumukurikire, rumurenge kandi rumuhagarike.*

Hari umugore wasomye aka gatabo kamugirira uyu musaruro:

Icyo natahuye nuko umugisha wampinduye, sinshobra gusabira umugisha abantu bambabaje maze ngo mbibabwire – cyangwa kubagira ho intekerezo mbi. Ntabwo byaba ari ibisanzwe. Ahubwo mba nshaka kubona ingaruka nziza k'umugisha… – Jillian

Nigeze kugira inshuti yitwa John, ansaba ko nsengera imvururu zari mumuryango we kubijanye n'umurage (umugabane). Kutumvikana byarakomeje ndetse biba bibi bihebuje. Namusabye ko mugihe cy'isengesho twosabira ibyo bihe umugisha.

Dusabiye umugisha ibi bihe by'imvururu ku iby'umurage Mw'izina rya Yesu. Dukuye ho amacyakubiri, intambara n'induru, twatuye ubutabera, kutabogama, n'ubwiyunge. Ubwo duhesheje umugisha ibi bihe, dushize intekerezo zacyu k'uruhande n'ibyifuzo byacu, ibi tubyeguriye Imana kugira ngo ikoreshe ubushake bwayo ku kugabana iby'umurage. Mwizina rya Yesu, amen.

Nyuma y'iminsi ibiri, kutumvikana byararangiye hatabaye ho kwitabaza ubutabera. Guhesha umugisha bishobora guhindura iyi si byukuri.

Nkunda ibyo undi musomyi w'aka gatabo yavuze:

> *Natangajwe no kubona ibisubizo byihuse muguhesha abandi umugisha. Byasaga nkaho Uwiteka yari yiteguye kwerekana urukundo rwe ku abantu, mugihe dukoze gusa isengesho ryo kubahesha umugisha. – Pasteur Darin Olson, umurwa wa Junction, itorero rya Oregon Nazarene*

Guhesha umugisha bishobora guhindura isi yacyu.

KWIHESHA UMUGISHA UBWACYU MUGIHE CY'UMUVUMO

Gutahura no gucya umuvumo

Ni kangahe usanga dufite intenkerezo nk'izi: « Ndi mubi, ntacyo ndicyo, ndi igitambame, ndagoye, ntamuntu unkunda, Imana ntinyitaye ho, ndi umunyabyaha… »? Hari ibinyoba byisnhi Satani atwizeza ko ari ukuri.

Har'inshuti yanjye y'umugore ubikora buri gihe, ibyo bikambabaza. « Oh, mbega ukuntu ur'ikigoryi Rose (ntabwo ariryo zina rye ry'ukuri). Wananiwe kandi. Ntacyiza na kmwe wakora… » Ntukabyongere ndeste ntukemere iyo mivumo. Ahubwo uzisabire umugisha.

Ndibuka igihe kimwe nagiranye n'umugwi w'abanyamasengesho. Natahuye intege nke k'umugore waje ngo tumusengere. Mugihe twarimo

dusenga, aravuga ati « Ntacyo ndicyo ». Namubajije aho yabyumvise. Aransubiza ngo ni ababyeyi be babimubwiye. Byukuri birababaje… ariko n'ibintu rusange.

Namuyoboye muri aya magamo:

> *Mw'izina rya Yesu, mbabariye ababyeyi banjye. Ndi babariye. Nkuye ho amagambo njye n'ababyeyi banjye twavuze. Nakiriye Umwuka wa Kristo. Nuzuye ubutunzi bw'ubwenge.*

Twakuye ho byihuse imyuka y'intege nke, n'uwo kwiyanga, maze musabira umugisha kandi mubwira ko ar'igikomangomakazi cy'Imana, ko ari uwagacyiro kuri yo, ko Imana izamukoresha mu guhesha abandi umugisha, gukiza ihungabana no kuzanira abandi icyizere. Namusabiye umugisha nivuye inyuma kandi nshize amanga.

Buhoro buhoro yakiriye uwo mugisha. Atangira kugira ubwiza. Icyumweru cyakurikiye ho yavuze uko ibyo byatumye yumva amerewe neza. Byukuri dushobora guhindura isi yacyu.

Uwo ari we wese yabikora. Bibiliya yuzuye imigambi y'Imana ku abantu bayo kandi dushobora kwiyatura ho iyo migambi.

Nifuje kubaha urundi rugero. Ubushize nasengeye umugore umwe wari ufite uburibwe mu igifu. Mugihe narimo nsenga, Umwuka Wera « yamumanutse ho » mugihe amadayimoni yasohokaga. Muminsi mike yumvise amerewe neza, ariko nyuma yongeye kugira uburibwe. Aribaza ati « ni ukubera iki mwami? » Umwuka wera amwibutsa ko muminsi yashize ubwo yari mungando hari uwamubwiye ko agomba kumenya neza ko inkoko yatetswe ihiye neza bitabaye ibyo abantu bazarwara. Yamusubije ko adashaka kurwara mur'iyo minsi ya vuba (mugihe yari akiri mw'iteraniro/conférence) ariko ko nyuma yaho ari ntakibazo. Byabaye ngombwa ko akuraho ayo magambo yo guhubuka, nyuma yahise agaruka mu ibihe byo gukira.

Guhesha akanwa ka mugenzi wawe umugisha

Nsabiye akanwa kanjye umugisha kugira ngo

kavuge ibishimwa mu bigawa, ndetse nkabe nk'akanwa k'Imana (Ijambo dusanga muri Yeremiya 15:19).

Ibintangaza byinshi Yesu yakoze byavuye mw'ijambo. Uregero, « Genda, umwana wawe ni muzima » (Yohana 4:50). Ibyo nibyo nifuza. Niyo mpavu nsabira akanwa kanjye umugisha ndetse nkarinda n'ijambo rikava mo.

Ubwo njye n'umugore wanjye twari muri Hoteri muri Nouméa. Twumvaga ijwi ry'umwana urira ubudahwema agakesha ijoro. Nyuma y'amajoro abiri bimeze bityo, umufasha wanjye yazamutse hejuru kubaza umubyeyi w'uwo mwana ikibazo afite. Yasanze uwo mubyeyi ntacyo abizi ho, amubwira ko umuganga yamwandikiye ubugira gatatu imiti ariko ari ntacyo byamumariye. Umufasha wanjye yamusabye ko nosengera uwo mwana nawe arabyemera nubwo iyo ndwara yashoboraga kwandukira. Nuko, mururimi rw'igifaransa cyanjye kitari cyinshi, nasengeye umwana, mbivugana kwizera nti « uraza gusinzira nk'uruhinja ». Niko byagenze, yasinziriye nk'uruhinja.

Guhesha intekerezo za mugenzi wawe umugisha
Kenshi mvuga aya magambo,

> *Nsabiye intekerezo zanjye umugisha; Umwuka wa Kristo ari muri njye. Kuri ubwo, ntekereza nka we. Intekerezo zanjye zibe ahantu hejejwe Umwuka Wera yishimira gutura. Zakire amagambo yo kumenya, n'ubwenge no guhishurirwa.*

Rimwe na rimwe, ndwanisha intekerezo zejejwe, kandi naharonkeye ubufasha. Nsabiye umugisha ibyo nibwira, bibe ibyo gukora neza ataribyo gukora nabi. Hari umunsi nigeze kugira ikibazo ku ibyo nibwira intekerezo zanjye zasaga nizidafite umurongo, zajyaga aho ndashaka ko zija – Maze Imana ingirira imbabazi arambwira iti « Muntekerezo zawe urebe Yesu akora ibitangaza – maze wibone nawe ubikora ». Nasanze gutekereza ku ibyiza bifite imbaraga (Abafilipi 4:8) kuruta kwibwira kutagira icyo ntekereza. Kandi gusabira intekerezo zawe umugisha n'ibyo wibwira umugisha, bifasha ku kuzuza intubero yo kwezwa.

Hari umunsi numvise ncyitse intege mbabajwe no kutagera kubyo nifuzaga kugera ho, maze amagambo y'indirimbo ya kera yuzura umutima wanjye:

Umbere maso, ô Mwami w'umutima wanjye;
Ntacyabasha kunkiza atari wewe,
Uri ibyiza nibwira kumanywa na n'ijoro,
ndi maso cyangwa nsinziriye, ukubaho kwawe
ni umucyo kuri njye.

Guhesha imibiri yacyu umugisha

Ese usanzwe uzi uyu murongo: « Umutima unezerewe ni umuti mwiza » (Imigani 17:22)? Bibiliya ivuga ko umubiri wacyu ukora ibyo tuvuga n'ibyo dutekereza byiza.

Nsabiye umubiri wanjye umugisha. Uyu munsi,
Ncyiye ubumuga buri kuri njye. Nisabiye kugira
imibere ho myiza.

Nabonye umugabo umwe kuri tereviziyo wari ufite ikibazo cy'umutima gikomeye. Umutsi ujana amaraso k'umutima wari wazibye. Yasabiye iyo mitsi

y'ingirakamaro umugisha mugihe cy'amezi atatu ayatura ho gukira m'uburyo butangaje. Yasubiye kwa muganga bamubwira ko umutsi we wabaye « muzima » k'uburyo bihebuje.

Natekereje kugerageza ibyo k'uruhu rwanjye. Rwagize ikibazo kubera kuba ahantu h'izuba nkiri umwana. Ubu rero nshaje, har'ibintu bimera ku ibitugu no k'umugongo, binsaba kuba ahantu hari ubukonje butari bwinshi kandi hadashyushe. Nahisemo gusabira uruhu rwanjye umugisha. Ubwambere, nasabye umugisha w'uko rukira mw'izina rya Yesu. Ariko nyuma, natahuye ikintu kuri karemano y'uruhu aribyo byahinduye rwose uko mbona ibintu. Natahuye ko, nubwo nokira, ntarinzi byinshi k'urugingo rufite akamaro kenshi k'umubiri wanjye. Navuze amagambo ubwo nasabaga umugisha ariko ntabwo nagize icyo mbwira/natura k'uruhu rwanjye. Kandi sinshidikanya ko niganyiraga kubera urwo ruhu mugihe no karuvuze ho ibyiza. Nari indashima.

Ariko uruhu ni urugingo ruhebuje. Nirwo rugenga ndetse rugahingura umwuka winjira mumubiri. Rurinda imnyanda yinjira mumubiri hanyuma ruga-

kira (rukikiza). Rwambitse kandi rugakingira ingingo zacyu zose z'imbere rugatuma zisa neza.

> *Ushimwe Mana k'ubw'uruhu rwacyu – iminkanyari n'ibindi byose kumubiri. Ngusabiye umugisha, wa ruhu we.*

Nyuma y'amezi make ya bene uwo mugisha, Uruhu rwanjye rusa nkaho rwakize ariko byatewe n'uko natangiye kurukunda no kurushimira. Rwarakize byihuse muburyo butangaje. Isomo ry'ukuri: Kwiganyira byigiza yo ubwami bw'Imana; gutahura no gushima bituma ubwami bw'Imana buza.

Dore ubuhamya bw'inshuti yanjye David Goodman:

> *Hashize amezi make, ubwo numvaga Richard avuga ubutumwa ku guhesha umugisha – Ijambo ryasaga naho ntakamaro kanini rifite, ariko ryagize icyo rihindura kubera uburyo ryavuzwe mo. Ibyavuye nuko natahuye ko umugisha atari ikintu cyo kwingingira ku Mana, ahubwo twe abakristo dufite ububasha, muyandi magambo inshingano,zo kugira icyo*

dukora mur'iyi si yashaje, nk'intumwa mucyimbo cya Kristo, tukagira impinduka k'ubuzima bw'abandi bantu ku iby'ubwami bw'Imana. Dushobora kubakura mubuzima barimo, tukabahesha umugisha, ndetse tukabamenyesha Kristo.

Icyo gitekerezo ni cyiza mugihe duhaye abandi agacyiro, ariko kuri njye cyabaye nk'ibuye rigaruwe n'igihome mugihe nagerageje kwihesha umugisha. Sinashoboraga kuzamuka mumwuka kuko nibwiraga ko atari ngombwa, nkabyita kwikunda, cyangwa gukundira Imana amafaranga iduha. Intekerezo zanjye zarahindutse ubwo natahuye ko twe, nk'abakristo, turi « ibyaremwe bisha », « twabyawe ubwakabiri » kandi twaremwe kubw'ubushake bw'Imana. Ubwo bimeze bityo, umubiri dufite kuri ubu niwo tugomba gukunda kandi tukawita ho – kuri ubu rero, turi urusengero rw'Umwuka Wera.

Ibyo bivuze ko, natangiye kwimenyereza buhoro buhoro – bur'igihe uko mbyutse, nasabiraga umugisha igicye kimwe cy'umubiri wanjye;

nkagishimira imirimo myiza gikoze. Ngashimira intoki zanjye uko zikorana, no gukora igikorwa cyose nzitumye ndetse zikareza ho. Ngashimira amaguru yanjye ku njyana iyo nshaka byihuse ndakoresheje imbaraga, no gukorera m'ubumwe kwayo. Nashimye ibicye byose by'umubiri wanjye kugigira ngo zikorere m'ubumwe. Byavuye mo ikintu kidasanzwe.

Kubera ko niyumvaga meze neza mumubiri no mumutwe, nerekeje umutima wanjye k'uburibwe naringiranye amezi make m'ukuboko – uburibwe bwasaga n'uburi mw'igufwa kandi byasabaga ko rishaganywa buri gihe kugira ngo bigabanye ubwo buribwe. Nabifatiye umwanya, nshimira umubiri wanjye k'ububasha ufite bwo gukira, kubwo kwihanganira ibitero ugirwa ho, kubw'ubufasha uronka ku inzindi ngingo ziwugize mu gusubizamo intege urugingo rwagize ikibazo. Ibyo byamfashe igihe cy'ibyumweru bitatu gusa, igitondo kimwe mbyutse nsanga ntaburibwe buri mukuboko kwanjye; bwahise burangira kandi ntibwongeye kugaruka.

Byukuri natahuye ko hari umwanya ndetse n'ahantu hihariye kugira ngo impano yo gukiza indwara ikoreshwe mu kwizera, kubwo kugirira abandi neza, ndetse ko hari n'indi nzira yacyiriwe twe abantu, kugira ngo iyo mpano yo gukiza indwara tuyikoreshe mu kwikiza ubwacyu. Bisaba kwicyisha bugufi, tukizera ko Imana yahaye umubiri wacyu « ubushya » kandi ko dushobora gutera imbere twizeye ubundi buryo bwo kuba ho.

Guhesha umugisha aho utuye, urushako rwawe n'abana bawe

Inzu utuyemo – Umugisha wihariye wo murugo
Ni igitekerezo cyiza cyo gusabira umugisha inzu yawe kandi ukabikora byibuze buri mwaka usaba umugisha mushya. Gusabira aho utuye umugisha bisaba gukoresha ububasha bwo m'umwuka muri Yesu Kristo bwo kumurika no guharira Umwami ikibanza utuyemo. Ni uguhamagara Umwuka Wera kugira ngo wirukane/ukure ho ikintu cyose kitava ku Mana.

Inzu ntigizwe n'amatafari n'icyondo gusa – Nayo igira imibereho. Nubwo ubu waba ufite uburenganzira bwemewe n'amategeko bwo kuba mu ikibanza urimo, hari undi wabanje kukibamo mbere yawe. Har'ibintu bishobora kuba byaragikorewe mo, wenda byazanye umugisha cyangwa umuvumo. Ntacyo bitwaye icyahakorewe, ubu ufite ububasha bwo guhitamo umwuka ugomba kuganza mur'icyo kibanza. Nimba hakiri amadayimoni yazanywe n'uwakibayemo mbere, ugomba by'ukuri kubyiyumvamo, kandi n'inshingano zawe kuyirukana.

Byukuri ugomba kumenya ko har'imbaraga z'imyuki mibi zishobora gutera umuntu uhaye inzu yawe ubaye utabitekereje ho. Ese inzu yawe irimo amabara, ibishushanyo, umuzika cyangwa ibicyuranga nka DVDs bitejejwe? Har'ibyaha biri munzu yawe?

Dore uko ugomba guhesha byoroshe inzu yawe umugisha uyizenguruka mu uducye twose tuyigize:

> *Nsabiye iyi nzu dutuyemo umugisha. Natuye ko ar'inzu y'Imana, nimuritse ku Imana, nishize*

munsi y'uburinzi bw'Umwami wacyu Yesu Kristo. N'inzu y'umugisha.

Mumaraso ya Yesu cyiye imivumo yose kur'iyi nzu. Mfashe ubutware bw'iyi nzu, ntsinze n'imyuka mibi mw'izina rya Yesu ndetse nitegetse gusohoka aka kanya ubutazongera kugaruka. Nirukanye umwuka w'intonganya, w'amacyakubiri, no kudashira hamwe. Nirukanye umwuka w'ubukene.

Mpaye Umwuka Wera ikaze maze ukureho ikintu cyose kitava kuri wewe. Ukubaho kwawe kwuzure inzu yacyu. Uduhe kwera imbuto zawe, urukundo, ibyishimo, amahoro, kugira neza, kwihangana, Ingeso nziza, kurwa neza, gukiranuka, kwirinda. Nsabiye iyi nzu umugisha w'amahoro arenze n'urukundo rwinshi. Abazayigana bose bazumve ukubaho kwawe, kandi bahagirire umugisha. Mw'izina rya yesu, amen.

Nazengurutse ku inkengero z'ikibanza cyajye, ngisabira umugisha kandi cyaturaho amaraso ya Yesu

Kristo kukibera umurinzi, n'abantu bagituyemo no gukuraho ibintu bibi byose n'imivimo.

Urugo rwawe

> *Hari ingo duhesha umugisha hakaba n'ingo tuvuma.*

Ubwambere nasomye iri jambo ry'ukuri ku imbaraga zibonerwa mumugisha byanditswe na Kerry Kirkwood, Naratunguwe. Ndibaza nti ese ni ukuri?

Nabitekereje ho cyane, kandi ndizera ko ahanini ayo magambo ari ay'ukuri – kutishimira ingo zacyu biterwa no kutazisabira umugisha cyangwa kudahesha abana umugisha! Iyo duhesheje umugisha, twakira kugira neza kw'Imana mumbaraga zakwo zose – birimo kurama, n'imibanire itunganye. Duhinduka abasangira umugisha/abafatanya bikorwa n'abo twasabiye umugisha.

Ntamivimo ibaho. Abagabo n'abagore barabizi neza. Twese tuzi aho bishushe. Wibwira ibintu nk'ibyo? Hari ubwo wigeze ubyumva? « Ntuja wumvira »,

« Ur'ikigoryi », « Ntuzi guteka », « Ntacyo uzageraho… » Iyo ibyo bisubiwemo kenshi, bihinduka umuvumo kandi bikaba ukuri.

Ntukigere uvuma, uzaheshe umugisha. Wibuke ko iyo uvumye (cyangwa kuvuga amagambo atari mazima) ntuzararwa umugisha Imana ikwifuriza. Ikindi gikomeye, umuvumo utugira ho ingaruka kuruta uwo tuvuma. Iyi ntishobora kuba imwe mumpamvu zituma amasengesho yacyu atumvirwa? Kwitoza guhesha umugisha bisa no kwitoza ururimi rushya – bitera ipfunwe kuntangiro. Urugero:

Nicole, ngusabiye umugisha mw'izina rya Data n'iry'Umwana, n'iry'Umwuka Wera. Natuye kugira neza kw'Imana kuri wewe. Imigambi y'Imana k'ubuzima bwawe isohore.

Nsabiye umugisha impano yawe yo kumenyana no gukunda abantu, impano yo gucyumbikira abashitsi m'urukundo. Nsabiye umugisha impano yawe yo guhumuriza abantu. Natuye ko uri icyumbi ry'Imana, ko wakira abantu nk'uko ishaka kandi ishobora kubikora nayo. Ngusabiye

umugisha m'umbaraga nyinsi, kugira ngo uzakomeze ubikore iminsi yose yo kubaho kwawe. Ngusabiye umugisha wo kugira amagara meza no kurama. Ngusabiye umugisha wo gusigwa amavuta y'ibyishimo.

Abana bawe

Hari uburyo bwinsi bwo guhesha umwana umugisha. Dore uko nasabiye umwana wanjye w'umukobwa umugisha, aho ni hambere akiri umwana w'imyaka ine:

Ashley, nsabiye ubuzima bwawe umugisha. Uzavemo umugore w'umukozi w'Imana uhebuje. Nsabiye intekerezo zawe umugisha kugira ngo zihore ari nziza kandi ugumane ubwenge no n'ubushishozi mubyo ukora byose. Nsabiye umubiri wawe umugisha wo kutangirika kugeza ushatswe, guhorana ubuzima bwiza kandi bukomeye. Nsabiye amaboko yawe umugisha n'ibirenge byawe kugira ngo bikore umurimo Imana igusaba gukora. Nsabiye akanwa kawe umugisha. Kazavuge amagambo y'ukuri kandi afasha. Nsabiye umutima wawe umugisha wo

guhorana gukiranuka ku Mana. Nsabiye umugisha ubuzima bw'umugabo uzagushaka, abana uzabyara, muzatunge kandi mube umwe. Ndagukunda n'ibyawe byose, Ashley, Bintera ishema ryo kwitwa umubyeyi wawe.

Byukuri, iyo umwana afite ibibazo mubintu bimwe na bimwe, tugomba kumuhesha umugisha muburyo buhwanye n'ibibazo afite. Bafite ikibazo kijanye n'ibyo biga kw'ishuri, dukwiye kubahesha umugisha wo kugira ubwonko bwibuka ibyirwa no gutahura igitekerezo nyamukuru mu icyirwa; Nimba bafite ikibazo cy'iterabwoba riva kubandi bana, dushobora kubahesha umugisha kugira ngo bakurane ubwenge no mugihagararo bashimwa n'Imana n'abandi bana ndetse n'ibindi byinshi.

Ndibuka ubwo twaganiriye iby'Imana njye n'umugore umwe w'umuhanga, tuvuga k'umwuzukuru we. Ibyo yamuvuze ho byose byari byibanze ku amafuti ye, ku imyitwarire ye yo kutumvira, no kukibazo cy'imyitarire ye yo kw'ishuri. Yamutumye mungando kugira ngo agaruke k'umurongo ariko naho yarirukanywe kubera ko yari umukubaganyi.

Nyuma yo kumutegera akanya gato, namubwiye ko avuma umwuzukuru we atabizi nkurikije amagambo yamuvugaga ho, kandi ko yamuboheshaga amagambo ye. Yahagaritse kumuvuga nabi, atangira kumuhesha umugisha bivuye k'umutima. Umugabo we, sekuru w'uwo mwana w'umuhungu, yabigenjeje atyo nawe. Uwo mwana yahindutse muminsi mike, asubira mungando kandi akurayo iby'ingira kamaro. Ugomba gusaba igisubizo cyihuse kiva mumbaraga zitangaje zo guhesha umugisha.

Kimwe mubintu byiza umubyeyi agomba guha abana be ni ukubahesha umugisha wa kibyeyi. Ibi nabyize mugitabo cya Frank Hammond *Umugisha w'umubyeyi*, ni igitabo cyiza cyane. Iyo ntamugisha wahawe n'Umubyeyi, iteka uhora wumva ko har'ikintu kibura muri wewe, kandi kidashobora kumarwa n'ikindi kintu icyo aricyo cyose. Babyeyi, abana banyu mujye mubarambika ho ibiganza ndetse mubirambike no kubandi bo mumuryango wanyu, (Urugero, mujye mubarambika ho amaboko k'umutwe no kubitugu) maze mubaheshe umugisha kenshi. Maze muhishurirwe kugira neza kw'Imana kuri mwe no kuri bo.

Aho nasangije ubu butumwa hose, Mbaza abagabo n'abagore ngo, « Ni bangahe barambitswe ho amaboko n'ababyeyi babo babahesha umugisha? » Bake nibo bazamura amaboko. Hanyuma nkabaza nti, « Nibangahe batigeze barambikwa ho amaboko n'ababyeyi babo babahesha umugisha? » Hafi ya bose bazamura amaboko.

Nababajije ko bashaka ko mbabera umubyeyi wo m'umuwuka muricyo gihe, « Utsimbura ababyeyi babo » – Kugira ngo nshobore kubahesha umugisha batigeze baronka mumbaraga z'Umwuka Wera. Isubizo cyari giteye impuhwe: Habaye Amarira, Kubohoka, Ibyishimo, Gukira indwara. Byari ibidasanzwe!

Niwakira umugisha uvuye k'umubyeyi, nk'uko nabikoze, Uziyature ho aya magambo k'ijwi rirenga. Ni ubryo bwiza bwo guhesha umugisha nize mugitabo cya Frank Hammond.

Umugisha w'umubyeyi

Mwana wanjye, ndagukunda! Uri udasanzwe. Ur'impano y'Imana. Nshimiye Imana yemeye ko nkubera umubyeyi (So). Unteye ishema kandi ndakwishimira. Kurubwo rero ngusabiye umugisha.

Ngusabiye gukira ibikomere byo mumutima – n'ibikomere byo guhabwa akato, byo kutitabwa ho no guhohoterwa wagize. Mw'izina rya Yesu, Nshize iherezo kumbaraga z'amagambo mabi kandi adakwiriye bakuvuze ho.

Ngusabiye umugisha w'amahoro menshi, amahoro atangwa n'Umwami w'amahoro.

Nsabiye ubuzimwa bwawe umugisha w'uburumbuke: Were imbuto nziza, imbuto nyinshi, kandi zihora ho.

Ngusabiye umuugisha wo kugira ishya n'ihirwe. Uri umutwe, nturi umurizo, Uri uwo hejuru, nturi uwo hasi.

Nsabiye impano Imana yaguhaye umugisha. Ngusabiye ubwenge kugira ngo ugire amahitamo meza no kwagura ubutunzi bukurimo muri Kristo Yesu.

Ngusabiye umugisha w'ubutunzi busāze, Buzatuma nawe ubera abandi umugisha.

Ngusabiye umugisha wo m'umwuka wo kuyobokwa, Kuko uri umucyo w'isi kandi ukaba n'umunyu w'isi.

Ngusabiye umugisha wo gutahura ibyo m'umwuka cyane no kugendana n'Umwami wawe. Ntuzayoba cyangwa ngo ute umurongo, Ijambo ry'Imana rizabere ibirenge byawe itabaza kandi rizakumurikire munzira. Ngusabiye umugisha wo kuyobokwa n'abagabo n'abagore nk'uko byabaye kuri Yesu Kristo ndetse nk'uko biri ubu. Ngusabiye umugisha wo kubona, kuronka no kwishimira ibyigiciro cy'izahabu biva mubantu, atari ibibi/atari urwondo-igitaka.

Ngusabiye umugisha wo kubana n'Imana mu

kazi kawe, atarukugira ngo ube icyitegerererezo ku imyitwarire myiza gusa, ariko kandi kugira ngo uheshe Imana icyubahiro, mu guhanga udusha no gukora imirimo yawe neza. Ngusabiye umugisha wo kugira inshuti nziza. Ufite amahirwe yo gushimwa n'Imana n'abantu. Ngusabiye kugira urukundo rwinshi kandi rusāze, ruzatuma ubwiriza abantu ubuntu bukiza bw'Imana. Uri umunyamugisha, mwana wanjye! Ufite umugisha wo m'umwuka ubonerwa muri Yesu Kristo. Amen.

Ubuhamya ku gacyiro k'umugisha w'umubyeyi

Nahinduwe n'umugisha naheshejwe na data. Kuva mvutse, sinigeze numva bene ubwo butumwa buvugwa. Ntabwo nagize amahirwa yo kugira. Umubyeyi umbyara nshobora kuganira nawe kugeza ubu. Imana yaragukoresheje, Rischard, ungeza kur'urwego numva nshaka gusenga, kandi umbera umubyeyi wo m'umwuka watura umugisha k'ubuzima bwanjye Ubwo watuye umugisha kibyeyi k'umwana, umutima wanjye warakize none ubu mfite iby-

ishimo kandi ndi umunyamugisha. – Pasteur Wycliffe Alumasa, Kenya

Byamfashe igihe kirekire kandi kigoye nyura mubihe by'ihungabana; n'intambara nar-wanye kenshi – yo muntekerezo, m'umwuka, no k'umubiri. Gukira kahise kanjye byarangiye ariyo mbarutso ntakindi cyari kubanza imbere atari ukubabarira data – atari ukumubabarira kubyo yakoze byambabaje gusa ahubwo no kubyo atakoze kandi byari ngombwa – n'ibyo yibagiwe gukora.

Data ntiyigeze ambwira ko ankunda. Yarazi gufata amarangamutima ye. Ntiyagiraga amagambo y'urukundo, n'ubugwa neza, amagambo arimo amarangamutima – nubwo numvaga umutima wanjye ushaka kuyumva byukuri.

Nubwo kubabarira no gukira kwo mumutima byakuye ho ihungabana muri njye, ndacyafite ibimenyetso by'ingaruka k'umubiri – imwe ikomeye ni uburwayi bwo mumara. Umuganga

unkurikirana yanyandikiye imiti, n'ibiryo ntegerezwa gufungura, ampa n'ibisubizo bitari byiza, bambwiye ko bashobora kumvura neza ariko bidashobora kunkiza.

Umwe munshuti zanjye, Richard, yambwiye byinshi k'umugisha uheshwa n'umubyeyi n'uko abantu babyitwaramo. Har'igitekerezo cyanjye mo. Nemezanije n'umutima wanjye ko nubwo nababariye data, ariko icyaburaga murinjye nubundi ntacyagitsimbuye cyangwa se ngo hagire igihaza ibyifuzo byo m'umutima wanjye.

Nuko habaye ho. Igitondo kimwe, ndi aho banywera icyayi; ndimo mfata ifunguro rya mugatondo, Richard akora ibyo data atabashije gukora maze ampesha umugisha nk'umwana we. Umwuka wera yamanutse ho agumana nanjye umunsi wose. Byar'ibihe byiza ndetse n'umutima wanjye warugize igihe mumarira wagize amahoro.

Izindi ngaruka nziza nagize ako kanya nuko ikibazo cy'uburwayi bwo mumara cyahise

gishira burundu. Imiti yo kwa muganga narayitaye nicyishije mw'idirisha n'ifunguro yantegetse ndarihagarika. Ubwo umutima wanjye wakiriye icyo washakaga cy'ingezi, umubiri nawo warakize. – Ryan

Guhesha abandi umugisha byuzuza ubuhanuzi

Nubwo nabahaye ingero nyinshi kugira ngo muzamenye aho muhera, ariko ni byiza ngo usaba Umwuka Wera ko uba akanwa k'Imana, mukwatura no kugomorora imigambi nyayo y'Imana cyangwa « ijambo mugihe cyaryo/gikwiriye » (ijambo ryiza igihe cyiza). Ubona ko ari ngombwa wasenga mu indimi cyangwa ukaramya.

Ushobora kubikora m'uburyo bumwe muri ubu nabahaye ariko niwiha Umwuka Wera azakuyobora. Uzategere neza icyo akubwira mumutima. Muntangiro wahuzagurika ariko byihuse wakwakira ibiva k'umutima w'Imana.

Gusabira aho ukorera umugisha

Uzasome igicye cya mbere hari urugero natanze rw'ibyambaye ho njye ubwanjye, uzabigerageze mu ibihe urimo ucyamo. Uzabohoke ku icyo Imana ikwereka – ishobra guhindura uko ubona ibintu. Guhesha umugisha ntabwo ari nko gukoresha amagambo y'ubupfumu. Urugero, Imana ntizaha abantu ibyo badashaka. Imana ntizaha umugisha abanebwe n'abariganya. Ariko uhujije ibyo bisabwa byose, Ugomba rero guhesha umugisha ikigo cyawe – kugira ngo Imana igufashe kive aho kiri kuri ubu maze kibe m'umwanya ishaka ko kiba mo. Uzahe agaciro inama iguha n'izo abantu baguha batumwe na yo. Ugomba kubohoka. Kandi wite k'ubuntu ikugirira kuko igukunda kandi ishaka ko uhirwa mubyo ukora.

Ubu ni ubuhamya nakiriye bwa Ben Fox:

> *Umurimo wanjye wihariye wo kugura no kugurisha ibibanza wagize impinduka mur'iyi myaka ishize kandi habayeho guhomba bifatika mubyo nkora. Nagiye nshaka abantu benshi ngo basengere akazi kanjye kubera ko nabonaga*

umutungo wamanukaga bikantera mpungenge nyinshi.

Mur'icyo gihe, kuntango z'umwaka wa bibiri na cyumi na gatanu, Numvise ubutumwa bw'umugabo witwa Brunton abwiriza k'uguhesha umugsha aho ukorera imirimo, wewe ubwawe, cyangwa undi muntu,ikigo, umuryango, no mubindi bikorwa. Kugeza kuri uyu munsi, Nakomeje nsaba imana kumfasha mur'ibyo bikorwa. Igitekerezo cy'uko nshobora kwisabira umugisha njye ubwanjye ntacyo nigeze ntozwa kuva kera, Ariko ubu nzi ko byanditse incyuro nyinshi muri Bibiliya, kandi nzi ko Imana iduhamagarira kubikora, kandi yaduhaye ubushobozi bwo kubikora mw'izina rya Yesu. Nuko rero, natangiye guhesha umurimo wanjye umugisha, kwatura amagambo y'Imana no kuyishimira kubw'ibyo ikora. Nakomeje gusabira umurimo wanjye umugisha bur'igitondo, no gushimira Imana kubw'ibikorwa bishya, no kuyisaba ko intumira abagura nshobora gufasha.

Mumezi cyumi n'abiri yashize, ibikorwa byanjye byariyongereye k'uburyo buftika, igihe kimwe, byarangoraga kubija mumutwe kubera ubwinshi no « kungwirira » ntabiteganyije. Namenye ko hari uburyo dushobora kwiha Imana mubyo dukora bya buri munsi, ndetse ko no guhesha imirimo yacyu umugisha biri mubyo Imana idusaba gukora. Icyavuyemo nuko neguriye Imana ibyanjye byose. Natangiye kuzajya mpa Umwuka Wera ikaze muminsi y'imirimo musaba ubwenge no kugira intekerezo nshya (zizana udushya). Byumwihariko natahuye ko iyo nsabye Umwuka Wera kumpa imbaraga mumirimo, kenshi nsanga nakarangije mbere y'igihe cyagenywe.

Bigaragara ko inyigisho zo guhesha umugisha n'uko bikorwa byibagiranye mumatorero menshi, ndetse hari n'abandi ba kristo twaganiriye numva ntabyo bazi. Guhesha umurimo wanjye umugisha byabaye ibya buri munsi, ndetse no kuwuhesha abandi. Ntegereje kubona imbuto z'abantu n'ibintu nasabiye umugisha nshingiye kw'ijambo ry'Imana no mw'izina rya Yesu.

Gusabira umuryango umugisha

Aha mfashe itorero runaka cyangwa itsinda risa na ryo – guhesha umugisha umuryang aho utuye.

Abana ba …… (umuryango), Tubasabiye umugisha mw'izina rya Yesu wo guhura n'Imana; wo kumenya imigambi yayo k'ubuzima bwanyu, no kwakira imigisha yayo kuri buri umwe wese wo muri mwe, Kuri buri wese wo mumuryango wanyu no mubihe mucya mo mubuzima.

Dusabiye umugisha umuryango wa …… (umuryango). Dusabiye umugisha abubatse bose kandi Tubasabiye umugisha w'ubusabane kubagize umuryango kugeza kumbyaro nyinshi.

Dusabiye ubuzima, n'ubutunzi bwanyu umugisha.

Duhesheje imirimo y'intoke zawe umugisha. Duhesheje umugisha ikigo cyose ukoramo. Kizatere imbere.

Dusabiye abana b'abanyeshuri banyu umugisha; kugira ngo bige neza kandi bamenye ibyo bigishwa. Bakure mugihagararo no m'ubwenge bashimwa n'Imana n'abantu. Dusabiye abigisha umugisha ndetse n'ikigo cy'ishuri ryabo gihorane ubuzima n'uburezi bwiza, aho kwizera Imana na Yesu Kristo byigishwa neza.

Turaganira n'imitima y'abantu bose bavuka muri uwo muryango. Tubasabiye umugisha wo kumvira Umwuka Wera no gukora icyo abasaba gukora kandi babe abumva ijwi ry'Imana. Tubasabiye umugisha wo kwakira ibyuye by'ubwami bw'ijuri natwe twakiriye hano …… (Itorero).

Umugisha nk'uyu wakagombye guhwana n'ibyifuzo umuryango ufite. Uwo muryango nimba utuye mugiturage, uhesha umugisha ubutaka n'amatungo. Nimba ari umuyango uri ahantu har'ikibazo cy'imirimo, uhesha ibigo/sosiyete umugisha wo kwaguka kugira ngo imirimo iboneke muri ako gacye. Ugomba guhitamo umugisha uhwanye n'ibyifuzo. Ntibisabye ko bawukwiriye cyangwa batawukwiriye!

Abantu bazamenya bivuye k'umutima aho umugisha wavuye.

Guhesha ubutaka umugisha

Mu itangiriro, Dusanga aho Imana yahaye abantu umugisha, ibaha gutwara isi n'ibindi biremwa byose, irababwira iti babyare kandi bororoke. Niyo nshushyo y'ubwiza bw'umwimerere bw'abantu.

Ubwo mperuka mu gihugu cya Kenya, nahuye n'umumisiyoneri (intumwa) wafashe abana bo mumuhanda arabitangira muri byose ndetse abigisha kurima. Yambwiye inkuru y'umuryango w'abamizilimani wiganyiraga ngo ubutaka bwabo bwaravumwe, kuko ntacyameraga mo. Iyo nshuti y'umumisiyoneri hamwe n'umuryango w'abakristo basabiye ubwo butaka umugisha buza kugira uburumbuke. Kwari ukwerekana imbaraga z'Imana ziri mu guhesha umugisha.

N'ubundi ubwo nari mugihugu cya Kenya, nasuye ikigo cy'impfubyi itorero ryacyu ryafashaga, mpesha umugisha aho batera ibiti byera imbuto, ubusitani,

imishwi yabo n'inka zabo. (Nahesheje umugisha ibiti byanjye byera imbuto, kandi biba uko nabisabye.)

Umushumba Geoff Wiklund yanganiriye uko itorero rimwe ry'i Filipine ryahesheje agacye gato k'ubutaka bwabo umugisha ahantu h'ubutayu bwinshi. Icyavuyemo nuko k'ubutaka bwabo ariho imvura yagwaga gusa. Abahinzi baturanye bazaga kuvoma m'uruhavu rwo kw'itorero amazi yo kwuhira imicyeri yabo. Igitangaza gifatika kiva ku kugira neza kw'Imana cyarabonetse k'ubwo guhesha icyo kibanza umugisha.

Gushimira Imana

Nubwo mbishize kumpera y'igitabo ariko byakagombye kuba iby'ibanze. Impamvu nabishize kumpera n'uko bisa naho bitajanye no kubwira umuntu imigambi no kugira neza kw'Imana. Ahubwo biri mubyishimo.

Ni gute dushima Imana? Uko bikorwa tubisanga muri Zaburi 103:

Mutima wanjye himbaza Uwiteka, ntiwibagirwe ibyiza yakugiriye byose!

Ese n'izihe nyungu imitima yacyu ifite k'Uwiteka? Arababarira, arakiza, yishura imyenda yacyu, araduhemba, araduhaza, akatugira bashya…

Nabigize ubuzima kwibuka no gushimira Imana buri munsi kubyo ikora muri njye no kubyo inkoresha. Ibyo birayinezeza nanjye bikanezeza! Ni gute ujya wiyimva iyo umwana agushimiye cyangwa iyo ubona yishimiye ibyo ukoze cyangwa uvuze? Ibyo bishimisha umutima wawe kandi bigatuma wifuza kumukorera ibirenze ibyo wakoze.

Ijambo rya nyuma ry'umusomyi w'umugore

Biragoye gusobanura uko guheshwa umugisha byahinduye ubuzima bwanjye. Kubyo niboneye by'ukuri kugeza uyu munsi, ntawigeze wanga ko muhesha umugisha mugihe nabyifujije. Nagize ndetse n'amahirwe yo guhesha umu mizilimani umugisha. Kwitanga mu guhesha

umuntu umugisha bikingura umuryango … ni uburyo bworoshe kandi badakomeretsa buzana uubwami bw'Imana mubuzima bw'umuntu no mubihe acyamo. Kuri njye, kuba narashoboye guhesha umugisha byongereye intwaro ikomeye mu intworo z'Umwuka zanjye … ni nk'igicye cy'ubuzima bwanjye naburaga kikaba cyaraje kuja mumwanya wacyo… – Sandi

GUSHIRA MUBIKORWA

- Wibuke uwakugiriye nabi – umubabarire, ariko kandi urenge kubabarira maze umusabire umugisa.

- Utekereze kumagambo uvuga buri gihe yo kuvuma abantu nawe ubwawe wivuma. N'iki wenda kubikora ho?

- Uzandike umugisha kuri wewe, k'umugore wawe, no kubana bawe.

- Uzashake undi muntu maze umukingurire imiryango y'ubuhanuzi. Ugomba gusaba Imana kuguhishurira ikintu cyihariye kandi gikomeza uwo muntu. Uzahere kubintu rusange, urugero, « Ngusabiye umugisha mw'izina rya Yesu. Imigambi y'Imana isohore k'ubuzima bwawe » maze utegereze wihanganye. Wibuke ko ufite

Umwuka wa Kristo muri wewe. Maze uganirize uwo muntu kandi umusabe ko yo guhesha umugisha m'uburyo bw'ubuhanuzi.

- Mw'itorero ryawe, uzashire ho gahunda yo guhesha umugisha muburyo rusange kugira ngo ufatishe kandi ukize abarituraniye, cyangwa uheshe umugisha igikorwa wamaze gutangira.

UKO UHINDUKA UMUKRISTO

Aka gatabo gato kanditswe n'abakristo. Ijambo na 'abakristo', ntabwo mvuga abantu babaye ho m'ubuzima bwiza gusa. Nshaka kuvuga abantu « bavutse ubwakabri » n'Umwuka w'Imana ndetse bakunda kandi bakurikira Yesu Kristo.

Abantu bagizwe n'ibicye bitatu: Umwuka, Ubugingo, n'umubiri. Igicye « cy'Umwuka » cyashizwe ho kugira ngo kimenye kandi gisabane n'Imana yera, ariyo Mwuka. Abantu baremwe kugira ngo bagire ubusabane n'Imana, m'uburyo bwo m'umwuka. Nuko rero, iyo umuntu akoze icyaha kimutandukanya n'Imana bikazana gupfa kw'Umwuka w'umuntu no gutakaza ubusabane n'Imana.

Ariko ikibazo n'uko abantu baba bashaka gukoresha ubugingo bwabo n'imibiri yabo gusa. Ubugingo bugizwe n'ubwenge, ubushake, n'amarangamutima.

Ibiva mur'ibyo bigaragara mur'iyi si yacyu: Kwikunda, kwirata, irari, inzara, intambara no kubura amahoro, n'icyerekezo bya nyabyo.

Ariko Imana yagize umugambi wo gucyungura umuntu. Imana Data yatumye umwana wayo, Yesu, nawe yari Imana, ngo aze kw'isi munshusho y'umuntu kugira ngo amenyekanishe Imana « Umbonye, ababonye Data » – yishiraho igihano cy'ibyaha byacyu. Urupfu rwe rubabaje rwo k'umusaraba, rwari ruteganijwe kuva kera (muntangiro yo kurema) kandi rwari rwaravuzwe mw'isezerano rya kera. Yishuye umwenda w'ibyaha by'abantu. Ubutabera bw'ijuru buranyurwa.

Ariko nyuma y'ibyo Imana yazuye Yesu imukuye mubapfuye. Yesu yasezeranije abamwizeye ko nabo bazazuka bakava m'ubwami bw'abapfuye kugira ngo bazabane m'umuzima bw'iteka. Yaduhaye Umwuka we, nk'ingwate, kugira ngo tumumenye (Yesu) kandi tugendane na we m'ubuzima bwacyu bwo kw'isi.

Rero, dufite icyingenzi cy'ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo. Ni mwemera ibyaha byanyu mukabyatura, ni

mwizera ko Yesu yishize ho igihano cy'ibyaha byanyu k'umusaraba kandi ko yazutse mubapfuye, muzagira umutima n'indanga gacyiro za Kristo. Imana izaguha Umwuka Wera kugira ngo ugusubizemo intege/ uhembure umwuka wa kimuntu. Muyandi magambo babyita « Kuvuka ubwakabiri » – ugatangira kumenya no gusabana n'Imana – nicyo cyerekana impamvu yakuremye ubwo yaremaga isi! Umubiri wawe niwapfa, uwo Kristo azakuzura yongere aguhe umubiri mushya, w'ubwiza, utabora. Hou la la!

Mugihe uzaba ukiri kw'isi, Umwuka Wera (ariwe Mana) azakorera muri wewe (kugira ngo akweze kandi atume urusha ho gusa na Yesu Kristo) kandi azacya muri wewe (mu kubera abandi umugisha).

Abahitamo kutakira icyo Yesu yakoze mukwishura umwenda w'ibyaha byacyu, bazacyirwa ho iteka k'umunsi w'urubanza rwa nyuma n'ingaruka zarwo zose. Nimba udashaka ibyo.

Dore isengesho ushobora gusenga. N'usenga ubishize ho umutima, uzavuka ubwakabiri.

Mana, nshuti iri muri paradizo, ndaje imbere yawe mw'izina rya Yesu. Nemeye ko ndi umunyabyaha. (Wature ibyaha byawe byose wiyizi ho.) Nicyuje ibyaha byanjye n'ubuzima nabaye mo ntagufite kandi nkeneye imbabazi zawe.

Nizeye ko umwana wawe w'ikinege Yesu Kristo, yamenye amaraso ye y'igicyiro k'umusaraba kandi yapfiriye ibyaha byanjye, ubu nemeye gutera ibyaha byanjye umugongo.

Ijambo ryawe riravuga ngo (Abaroma 10:9) Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mumutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa.

Kuva ubu, Natuye ko Yesu ari umwami w'ubugingo bwanjye. Nizeye ko Imana yamuzuye mubapfuye. Muri aka kanya, Nemeye Yesu nk'umukiza wanjye, nkuko ijambo ryayo rivuga, kuva ubu ndakijijwe. Urakoze Mwami, ko wankunze cyane, ukitanga ugapfa k'ubwanjye. Urahebuje Yesu, Ndagukunda.

Ndagusabye ngo umfashe kubw'Umwuka wawe kugira ngo mbe uwo washatse ko mba we mbere na mbere. Unyobore ku inshuti zakwizeye no kw'itorero ushaka ko nzakurira mo muri wewe. Mw'izina rya Yesu, amen.

Urakoze gusoma aka gatabo.
Nzishimira kwakira ubuhamya bw'uko
guhabwa no guhesha umugisha
byahinduye ubuzima bwawe,
n'ubuzima bwabo wawuhesheje.
Mbasabye kumvugisha mukoresheje
ubutumwa kuri aderesi yanjye:

richard.brunton134@gmail.com

Guhesha umugisha ni ukuvuga imigambi cyangwa ibambe n'ubuntu bw'Imana k'umuntu no ku igihe.

Iyo dukoze ibyo twizeye, tuba tugomoroye imbaraga z'Imana kugira ngo zihindure umuntu (natwe, ubwacyu), cyangwa igihe, maze uwo muntu akaba m'umwanya imana ishaka ko abamo.

Umukristo wese agira ubutware n'ubushobozi bwo guhesha umugisha abandi mw'izina ry'Umwami Yesu maze akabona impinduka k'ubuzima bw'abantu no ku ibihe. Imbaraga zibonerwa m'umugisha zirenze imbaraga karemano zisanzwe; n'igikorwa cy'Umwuka Wera ndetse no kubaho kwawo, bizana ibyishimo, amahoro, ubutunzi n'uburumbuke kandi bikazana ubuzima bwiza, no guhirwa, n'uburinzi.

Muri aka gatabo gato, uzamenya uko umugisha ukora wige n'uko bahesha abakuvuma umugisha cyangwa abagushotora; uzamenya uko uhesha umudamu wawe umugisha, abana bawe, aho utuye inzu yawe, n'uko wisabira umugisha ubwawe; uko uhesha aho ukorera umugisha, ubutaka bwawe n'ubwoko bwawe – n'Imana ubwayo.

Ushobora guhindura Isi.